



Inkingi
Forces Démocratiques Unifiées
United Democratic Forces

☎ ++(250)728636000 ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"

Kigali kuwa 09 Gicurasi 2013

Urukiko rw'Ikirenga rwafashe umwanzuro wo kumva umutangabuhamywa ushinjura ku ruhande rwa Madame Ingabire Victoire.

Kuri uyu muni tariki ya 9 Gicurasi 2013 ubwo abunganira Ingabire Victoire Umuhoza bakomezaga kubwira urukiko inenge zabaye mu rukiko rwa mbere bavuzemo nuko hari umutangabuhamywa wari warandikiye urukiko rukuru tariki ya 10 Mata 2012 arusaba kuvuga ibyo azi ku biregwa Madame Ingabire Victoire anasaba urukiko ko kubera impamvu z'umutekano we yifuzaga gutanga ubwo buhamya atagaragara . Ibi abunganira Ingabire bari barabimenyesheje Urukiko rw'Ikirenga mu minsi ishize urukiko ruvuga ko ruzabasubiza. Uyu muni nyuma yuko urukiko rwari rumaze kumva ibyifuzo by'impamvu zombi zirebwa n'uru rubanza, rwemeje ko rwo rubona ibikubiye mu ibaruwa uyu mutangabuhamywa yavuze byasomerwa mu rukiko maze runafata umwanzuro ko rugiyeye kumuhamagaza byashoboka akazaza imbere y'urukiko tariki ya 15 Gicurasi 2013.

Icyi cyemezo cy'urukiko cyatumye umunyamategeko Gatera Gashabana asomera abari baje gukurikirana uru rubanza. Muri iyi baruwa, umutangabuhamywa witwa Kayitesi Claire avuga ko mu mwaka wa 2009 yari mu kigo cya Mutobo ahakorerwaga ingando z'abasirikare bitandukanyije n'abacengezi, hakaba hari kuwa kane, mu nzu yarimo ngo haje abagabo batatu baturutse i Kigali bahamagara uwitwa Angelus bahamagara na PPU Doyen (Vital Uwumuremyi) baramuganiriza bamubwira ko bamuboneye akazi kandi ko niyemera nanarangiza ikosi bazamuha n'akandi kazi. Bamutegeka kuzavugaga ko Ingabire afasha FDLR kugirango izatere u Rwanda ,banamutegeka kuzashakira abandi bazamufasha iyi gahunda maze bahita banamuha sheke y'amafaranga ibihumbi magana atatu (300 000 frws) yo muri banki ya CSS . Maze barangije banamuha ipeti rya Major. Uyu mutangabuhamywa akaba arangiza abwira urukiko ko ibi abikoze mu rwego rwo kugirango ukuri kujye ahagaragara ndetse no gufasha urukiko kuba narwo rwakora iperereza ruakamya ukuri kuri icyi kibazo.

Me. Gashabana amaze gusoma iyi baruwa yabwiye urukiko ko mu byukuri ibiri muri iyi baruwa ntaho bitandukaniye cyane n'ibyari byaragaragaye mu iburanisha ,ko ariko bishimangira ibyo bakomeje kwereka urukiko ko ibyaha Ingabire aregwa ari ibicurano, ibi bikaba binagaragarira no mu mvugo zivuguruzanya

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547>-

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123>- Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

z'abasirikare bareganwa nuwo yunganira harimo Vital Uwumuremyi, Nditurende Tharcisse ndetse na Karuta Jean Marie Vienne.

Urubanza ruzasubukurwa tariki ya 15 na 16 Gicurasi 2013

FDU-Inkingi

Boniface TWAGIRIMANA

Visi Perezida w'agateganyo